REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°22/2018: **Kanama igice cya1: 01–10 Kanama 2018**

Ryoherejwe kuwa 12 Kanama 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 01-10_Kanama_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi ikageza ku kigero cyo hejuru ugereranyije n'isanzwe iboneka muri iyo minsi kuri buri bupimiro;
- Ubwiganze bw'iminsi itaraguyemo imvura bwatumye ubutaka bukomeza kugaragara ko bwumye hose mu gihugu
- **11-20_Kanama_2018;** hateganyijwe **imvura** izaboneka mu bice byose by'igihugu; ikaba nke ugereranyije n'iyabonetse muri 01-10_Kanama_2018

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere cya Kanama_2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuri buri bupimiro ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri iyo minsi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Kanama_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Kanama_2018	01-10_Kanama
Kigali	4.2	6.5
Rusizi (Kamembe)	22.7	11.3
Rubavu (Gisenyi)	43.2	13.9
Nyamagabe (Gikongoro)	0.0	11.5
Ngoma (Kibungo)	4.3	3.9
Gicumbi (Byumba)	5.3	10.8
Busogo	0.0	25.9
Bugarama	22.7	1.8
Musanze (Ruhengeri)	13.7	8.6
Gitega	22.6	1.5
Rubengera	27.7	12.3
Byimana	18.3	6.0
Kawangire	5.6	0.0
Nyagatare	5.6	10.1

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye 01-10_Kanama_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye 21-31_Nyakanga_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Kanama_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Kanama



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31_Nyakanga_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Nyakanga



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Kanama_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu Mataliki ya 01-10_Kanama; cyagaragaje ko imvura yabaye nyinshi hose mu gihugu kuri buri bupimiro (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**'Imbonerahamwe1**); akaba ari nabyo byabonetse mu mataliki ya 21-31_Nyakanga_2018 ariko ku mvura itangana (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Nyakanga.2018 igice cya gatatu

Ikarita5: Kanama.2018 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Nyakanga kugeza 10_Kanama_2018; amashusho y'icyogajuru yerekana ubutaka bwumye hose mu gihugu kubera twagize ibihe by'izuba biganza iby'imvura (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Kanama_2018

Mu gice cya kabiri cya Kanama_2018; hateganijwe imvura izagabanuka ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya mbere cya Kanama_2018 ariko igakomeza kuba nyinshi mu burengerazuba nkuko bigaragara ku ikarita iri munsi

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Kanama_2018



Ikarita7: Kanama.2018 igice cya kabiri (kuva taliki 11 kugeza 20 Kanama 2018)

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)